RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

2022 Taliki 02-04 Ukuboza




P1. Basketball: Ikipe y'u Rwanda yegukanye umwanya wa gatatu muri "FIBA 3×3 Africa Cup 2022"

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Basketball:** Ikipe y'u Rwanda yegukanye umwanya wa gatatu muri "FIBA 3×3 Africa Cup 2022"

P2 **ARPST :** Ikipe ya RBC FC yegukanye "Super Cup 2022"

P2 **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 12 wa shampiyona yagenze

P3 **Cycling:** Hagiye kuba amarushanwa atatu asoza umwaka wa 2022

P3 **Taekwondo:** Habaye irushanwa bwa mbere ry'abakiri bato ku rwego rw'Akarere

P4 **Cycling:** Abana basaga 30 bitabiriye igikorwa cyo gushaka abafite impano i Bugesera

P4 **Tennis :** Muhire na Tuyisenge ni bo begukanye "Cogebanque Open 2022"

P5 **Basketball:** Umwaka w'imikino uzatangira muri Mutarama 2023

P6 **Volleyball:** REG VC na APR VC zikomeje kuyobora urutonde rwa shampiyona

## 1 **Basketball:** Ikipe y'u Rwanda yegukanye umwanya wa gatatu muri "FIBA 3×3 Africa Cup 2022"

Taliki 03 kugeza 04 Ukuboza 2022 i Cairo mu Misiri habereye imikino y'Afurika mu mukino wa Basketball bakina ari batatu kuri batatu mu bagabo n'abagore "FIBA 3×3 Africa Cup 2022".

Muri iri rushanwa, ikipe y'u Rwanda mu bagabo yitwaye neza yegukana umwanya wa 3 mu gihe ikipe ya Madagascar ari yo yegukanye igikombe.

Ikipe y' u Rwanda yari igizwe na Turatsinze Olivier (IPRC-Kigali), Ngabonziza Patrick (APR BBC), Hagumintwari Steven (Patriots BBC) na Nshobozwabyosenumukiza Jean Jacques Wilson (APR BBC). Yari mu itsinda A hamwe na Madagascar, Misiri na Botswana naho itsinda B ryari rigizwe na Tunizia, RDC na Maroc.

Mu mikino y'amajonjora, ikipe y'u Rwanda yatsinze Botswana amanota 15 kuri 7, itsinda Misiri amanota 21 kuri 19 inatsinda Madagascar amanota 21 kuri 19.

Ikipe y'u Rwanda (A) na Tunisia (B) zahise zikomeza muri ½ naho Madagascar, Misiri (A), Maroc na RDC (B) zikina imikino ya ¼ zishakamo amakipe abiri agomba gukomeza muri ½ .

Ikipe ya Madagascar yatsinze RDC amanota 18 kuri 11 naho Misiri itsinda Maroc amanota 21 kuri 18.

Muri ½ cy'irangiza, ikipe y'u Rwanda yatsinzwe na Madagascar amanota 21 kuri 14 naho Misiri itsinda Tunisia amanota 21 kuri 18.

Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe y'u Rwanda yatsinze Tunisia amanota 21 kuri 17. Ku mukino wa nyuma ikipe ya Madagascar yatsinze Misiri amanota20 kuri 17. Ikipe ya Misiri akaba ari yo yari yegukanye iri rushanwa muri 2019.

Ikipe y'irushanwa igizwe na Elly Randriamampionona (Madagascar), Mido Taha (Misiri) na Nshobozwabyosenumukiza Jean Jacques Wilson (Rwanda).

**Uko amakipe yakurikiranye**

Ikipe ya Madagascar yasoreje ku mwanya wa mbere ikurikirwa na Misiri (2), u Rwanda (3), Tunisia (4), RDC (5), Maroc (6), Botswana (7) na Kenya (8).

Mu cyiciro cy'abagore iyi mikino yari yitabiriwe n'amakipe 7 aho yashyizwe mu matsinda abiri, itsinda A ryari rigizwe na Misiri, Tunisia na Madagascar naho itsinda B rigizwe na Kenya, Benin, RDC na Maroc.

Ikipe ya Misiri yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma Madagascar ku manota 21 kuri 11 naho ikipe ya RDC yegukana umwanya wa 3 itsinze Tunisia amanota 19 kuri 13.

Ikipe y'irushanwa yatoranyijwe igizwe na Nadine Mohamed (Misiri), Rondro Raherimanana (Madagascar) na Debora Mayimona (RDC).

**Uko amakipe yakurikiranye**

Misiri yasoreje ku mwanya wa mbere ikurikirwa na Madagascar (2), RDC (3), Tunisia (4), Maroc (5), Kenya (6) na Benin (7).

Ikipe ya Madagascar mu bagabo na Misiri mu bagore nyuma yo kwegukana iri rushanwa zahise zibona itike yo kuzitabira imikino y'igikombe cy'Isi "FIBA 3x3 World Cup 2023" izabera i Vienna muri Austria, taliki 30 Gicurasi kugeza 04 Kamena 2023.

Ikipe ya Misiri mu bagabo na Madagascar mu bagore zabaye iza kabiri zabonye amahirwe yo kuzitabira imikino yo gushaka itike "FIBA 3x3 World Cup 2023 Qualifier" izabera muri Israel.



## ARPST : Ikipe ya RBC FC yegukanye "Super Cup 2022"

Taliki 02 kugeza 04 Ukuboza 2022 habaye imikino ya "ARPST Super Cup 2022" yahuje amakipe yegukanye ibikombe mu byiciro bitandukanye muri shampiyona y'imikino y'abakozi itegurwa n'ishyirahamwe riteza imbere imikino y'abakozi mu Rwanda "ARPST" .

Mu mupira w'amaguru, ikipe ya RBC FC yegukanye igikombe itsinze ikipe ya BK FC ibitego 2-1. Umukino wabereye ku Ruyenzi taliki 02 Ukuboza 2022.

Iyi kipe ya RBC FC ikaba ari yo yari yegukanye n'igikombe cya shampiyona yasojwe mu Gushyingo 2022 aho yatsinze ikipe ya RwandAir FC ku mukino wa nyuma ibitego 2-1.

Muri Basketball, ikipe ya RwandAir BBC yegukanye igikombe nyuma yo gutsinda STECOL BBC amanota 111 kuri 80. Umukino wabereye mu nzu y'imikino y'uruganda rwa STECOL i Masoro taliki 03 Ukuboza 2022.

Muri Volleyball, ikipe ya BK VC yegukanye igikombe itsinze WASAC VC amaseti 3-2. Umukino wabereye ku Ruyenzi taliki 04 Ukuboza 2022.

Nyuma y'iyi mikino ya "ARPST Super Cup 2022" , amakipe agiye kujya mu karuhuko azagaruke muri Mutarama 2023 atangira umwaka w'imikino wa 2023.

Biteganyijwe ko amakipe yitwaye neza akagera ku mukino wa nyuma mu mupira w'amaguru na Volleyball azitabira imikino y'Afurika izabera Banjul muri Gambia muri Werurwe 2023.





## Football: Uko imikino y'umunsi wa 12 wa shampiyona yagenze

Taliki 02 kugeza 04 Ukuboza 2022 habaye imikino y'umunsi wa 12 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Ikipe ya Rayon Sports yitwaye neza itsinda Bugesera FC igitego 1-0 bituma ikomeza kuyobora urutonde rwa shampiyona by'abagateganyo. Mu yindi mikino yabaye, Kiyovu yatsinzwe na AS Kigali ibitego 4-2 naho ikipe ya APR FC yongera kunganya umukino wa kabiri aho yanganyije na Gasogi United 0-0.

Imikino y'umunsi wa 13 biteganyijwe ko izaba taliki 10 kugeza 12 Ukuboza 2022.

**Uko imikino yagenze**
**Taliki 02-12-2022**
- Marines FC 0-6 Mukura
- Gasogi United 0-0 APR FC

**Taliki 03-12-2022**
- Surnise FC 2-0 Espoir FC
- Rutsiro FC 0-2 Police FC
- AS Kigali 4-2 Kiyovu

**Taliki 04-12-2022**
- Rayon Sports 1-0 Bugesera FC
- Musanze FC 3-1 Rwamagana City
- Etincelles FC 1-0 Gorilla FC

### Urutonde rwa shampiyona 2022-2023

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | Rayon Sports | 12 | 28 |
| 2 | AS Kigali | 12 | 24 |
| 3 | APR FC | 12 | 21 |
| 4 | Kiyovu | 12 | 21 |
| 5 | Musanze FC | 12 | 20 |
| 6 | Police FC | 12 | 20 |
| 7 | Gasogi United | 12 | 19 |
| 8 | Mukura | 12 | 17 |
| 9 | Gorilla FC | 12 | 17 |
| 10 | Etincelles FC | 12 | 16 |
| 11 | Sunrise FC | 12 | 15 |
| 12 | Bugesera FC | 12 | 14 |
| 13 | Rutsiro FC | 12 | 10 |
| 14 | Rwamagana City | 12 | 10 |
| 15 | Espoir FC | 12 | 07 |
| 16 | Marines FC | 12 | 05 |



## **Cycling:** Hagiye kuba amarushanwa atatu asoza umwaka wa 2022

Nyuma y'uko ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" mu rwego rwo kongera amarushanwa y'imbere mu gihugu mu Gushyingo 2022 ryasinye amasezerano y'ubufatanye n'Uturere tune ari two Musanze, Kirehe, Bugesera, Nyanza ndetse n'Akarere ka Huye bashyize umukono ku masezerano y'igihe cy'imyaka 3 taliki 03 Ugushyingo mu rwego rwo gutegura "Huye Educational & Cultural Race" agamije imikoranire mu gutegura amarushanwa azajya abera muri utwo turere.

FERWACYyateguye yateguye amarushanwa atatu azasoza uyu mwaka wa 2022:

Taliki 10 Ukuboza 2022 hateganyijwe irushanwa mu cyiciro cy'ingimbi n'abangavu "Juniors" rizabera mu Karere ka Gisagara "Human Rights Cycling Race 2022".

Taliki 16 Ukuboza 2022 hateganyijwe irushanwa "Musanze Gorilla Race 2022" rizabera mu Karere ka Musanze naho irushanwa rizasoza umwaka "Royal Nyanza Race 2022" riteganyijwe taliki 30 Ukuboza 2022 i Nyanza.






## **Taekwondo:** Habaye irushanwa bwa mbere ry'abakiri bato ku rwego rw'Akarere

Taliki 04 Ukuboza 2022, ishyirahamwe ry'umukino wa Taekwondo mu Rwanda "RTF" ryateguye irushanwa mpuzamahanga ku nshuro ya mbere ry'abakiri bato ku rwego rw'Akarere k'Afurika y'Iburasirazuba "East African Cadets and Juniors Taekwondo Open 2022".

Iri rushanwa ryabereye mu ishami rya Kaminuza y'u Rwanda ryigisha ibijyanye n'ubuvuzi "UR-CMHS" aha hoze ari muri KIE i Remera.

Ku nshuro yaryo ya mbere, iri rushanwa ryitabiriwe n'abakinnyi basaga 300 bafite kuva ku myaka 5 kugeza kuri 17 baturutse mu bihugu 2 ari byo Kenya n'u Rwanda rwayakiriye. Aba bakinnyi bahatanye mu cyiciro cyo kurwana "Kyorungi".

Iri rushanwa ryakinwe mu byiciro bibiri, aho icyiciro kimwe cyari irushanwa ry'abana biga mu mashuri rusange yaba aya Leta cyangwa ayigenga (Public and Private Schools), ikindi kikaba icy'abana biga mu mashuri mpuzamahanga (International Schools).

Mu cyiciro cy'amashuri mpuzamahanga "International Schools", ikipe yaturutse muri Kenya ni yo yegukanye igikombe cy'irushanwa, ikurikirwa na Stars TC, iya gatatu iba Urban TC zose zo mu Rwanda. Umukinnyi wahize abandi "MVP" mu bakobwa yabaye Purity Mukele (Kenya) mu bahungu aba Ryan Robinson (Urban TC-Rwanda).

Mu cyiciro cy'amashuri ya Leta n' ayigenga "Public and Private Schools", igikombe cyegukanwe na Dream Fighters TC, ikurikirwa na Dream TC, iya gatatu iba IYF-Rwanda TC zose zo mu Rwanda. Umukinnyi wahize abandi "MPV", mu bakobwa yabaye Ishimwe Antoinette (Dream TC) naho mu bahungu aba Sinderibuye Nepo (Dream Fighters TC).

Iri rushanwa ryatangijwe mu rwego rwo guha umwanya abakiri bato ngo bagaragaze impano zabo bityo bakurikiranwe kugira ngo bazavemo abakinnyi bakomeye mu minsi iri imbere.

Gahunda ihari ni uko biteganywa ko iri rushanwa ryaba ngarukamwaka rikazajya ribera mu bihugu bitandukanye bigize aka Karere k'Afurika y'Iburasirazuba gusa kugeza ubu nta bwo haramenyekana igihugu kizaryakira umwaka utaha wa 2023 ubwo rizaba riba ku nshuro yaryo ya kabiri.

EAST AFRICA CADETS & JUNIORS TAEKWONDO OPEN. KIGALI-2022

## **Cycling:** Abana basaga 30 bitabiriye igikorwa cyo gushaka abafite impano i Bugesera

Ishyirahamwe ry'umukino w'amagare "FERWACY" ku bufatanye na Komite Olempike y'u Rwanda ku nkunga ya "Olympic Solidarity" binyuze muri gahunda yo gutegura abakinnyi bakiri bato "Youth Athlete Development Programme 2021-2024", taliki 04 Ukuboza 2022 i Ntarama mu Karere ka Bugesera habaye igikorwa cyo gushaka abana bafite impano.

Iki gikorwa cyabereye mu kigo cya Gasore Serge Foundation cyitabirwa n'abana 30, abakobwa 15 n'abahungu 15 bafite hagati y'imyaka 12 na 14. Ni igikorwa kigamije gushaka abana bafite impano ngo bategurwe bazaserukire u Rwanda mu mikino y'Afurika y'urubyiruko izabera muri Lesotho muri 2024 ndetse n'imikino Olempike y'urubyiruko izabera muri Senegal muri 2026.

Aba bana bafashijwe n'umutoza wungirije w'ikipe y'igihugu, Byukusenge Nathan bakoze imyitozo yo gusuzuma tekiniki bazi ku igare nko guca mu makoni n'ibindi.

Iki gikorwa kitabiriwe na Kajugiro Fidele Sebalinda ushinzwe iterambere rya Siporo muri Komite Olempike y'u Rwanda ndetse n'Umuyobozi wa tekiniki muri FERWACY, Murenzi Emmanuel.

Biteganyijwe ko iki gikorwa kizakomereza mu Karere ka Musanze na Huye mu mpera z'iki Cyumweru.






## **Tennis:** Muhire na Tuyisenge ni bo begukanye "Cogebanque Open 2022"

Ishyirahamwe ry'umukino wa Tennis mu Rwanda "RTF" ku bufatanye na Cogebanque hateguwe irushanwa ry'iminsi 8 "Cogebanque Tennis Open 2022" aho ryegukanwe na Muhire Joshua mu bagabo na Tuyisenge Olive mu bagore.

Iri rushanwa ryabereye muri Cercle Sportif de Kigali mu Rugunga, ryatangiye taliki 26 Ugushyingo 2022 risozwa taliki 04 Ukuboza 2022, ryitabirwa n'abakinnyi basaga 120 bari baturutse mu bihugu 3 ari byo u Rwanda, u Burundi na RDC.

Mu babigize umwuga mu bagabo, Muhire Joshua yegukanye irushanwa atsinze ku mukino wa nyuma Ishimwe Claude amaseti 2-1 (3-6, 6-3 na 6-2).

Mu bagore, Tuyisenge Olive yegukanye iri rushanwa atsinze Mutuyimana Chantal amaseti 2-1 (2-6, 6-4 na 6-4).

Mu cyiciro cy'abafite ubumuga bakina bicaye mu tugare "Wheelchair Tennis", Hakizimana Emmanuel yegukanye irushanwa mu bagabo naho mu bagore ryegukanwa na Uwamwezi Fiona.

Mu batarabigize umwuga, Karel Van Roey yegukanye irushanwa mu gihe mu bafite hejuru y'imyaka 60, irushanwa ryegukanwe na GB Banjara.

Irushanwa riheruka "Cogebanque Tennis Open 2021" ryari ryegukanwe na Niyigena Etienne mu bagabo na Ingabire Meghan mu bagore.





Taliki 03 Ukuboza 2022, habaye inama y'Inteko rusange isanzwe y'ishyirahamwe ry'umukino wa Basketball mu Rwanda "FERWABA" ahagaragajwe ibikorwa byabaye mu mwaka w'imikino uheruka wa 2022 ndetse hanemezwa ibikorwa by'umwaka utaha wa 2023.



**Hemejwe igihe shampiyona ya 2023 izatangirira**

Muri iyi nama hemejwe ko shampiyona ya Basketball 2023 mu cyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore ndetse no mu cyiciro cya kabiri mu bagabo izatangira taliki 13 Mutarama 2023.

Hemejwe kandi amakipe mashya arimo Kepler BBC na Azomco GG BBC mu cyiciro cya kabiri mu bagabo ndetse n' ikipe ya GS Gahini mu cyiciro cya mbere mu bagore. Shampiyona nk'uko bisanzwe izasozwa na "Playoffs" ndetse n'irushanwa ry'abatoranyijwe mu bitwaye neza "All Star Game".

**Hagiye gutangira amarushanwa y'abakiri bato.**

Perezida wa FERWABA, Mugwiza Desire, yatangaje ko umwaka utaha hazatangira shampiyona y'abatarengeje imyaka 16 na 18 aho batangiye kuyitegura hamwe n'abafatanyabikorwa batandukanye kandi bizeye ko izagenda neza.

Uretse iyi shampiyona y'abakiri bato hateganyijwe irushanwa rizajya rihuza za Kaminuza zo mu Rwanda mu rwego rwo guteza imbere uyu mukino muri rusange by'umwihariko muri za Kaminuza.

Mu mwaka utaha wa 2023 hazaba kandi irushanwa rishya "Coupe du Rwanda" rizakinwa n'amakipe yo mu byiciro byose aho azagenda akuranamwo hanyuma ayitwaye neza ahure n'ayo mu cyiciro cya mbere. Nk'uko bisanzwe hazaba irushanwa ryo Kwibuka "Basketball Genocide Memorial Tournament" ndetse n'irushanwa "Legacy Tournament" ritegurwa n'ikipe ya UGB.

Mugwiza yatangaje ko biyemeje gushyira imbaraga muri Basketball ikinwa n'abakinnyi batatu kuri batatu "3×3" kuko bamaze kubona ko bafitemo amahirwe bitewe n'uko u Rwanda rwitwaye mu marushanwa atandukanye rwitabiriye. Akomeza avuga ko ku bufatanye n'Umujyi wa Kigali hemejwe ko hazajya hakinwa imikino ya "3×3" muri "Car free day" ya nyuma ya buri kwezi, umukino bakaba bafite gahunda yo kuwugeza no mu tundi duce tw'igihugu.

**Hagaragajwe aho ibibuga birimo kubakwa bigeze**

Mu bijyanye n'ibikorwa remezo, Perezida wa FERWABA, Mugwiza yatangaje ko bamurikiye abanyamuryango aho ibibuga birimo kubakwa bigeze. Ibi bibuga birimo igiherereye Kimironko kirimo kubakwa ku nkunga ya Imbuto Foundation, BAL, Umujyi wa Kigali na Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS".

Iki kibuga nicyuzura kizaba gifite ubushobozi bwo kwakira abantu 600 bicaye neza. Ubu imirimo yo kucyubaka igeze kuri 95%.

Ikindi ni ikirimo kubakwa muri Lycée de Kigali (LDK) aho biteganyijwe ko muri Mutarama 2023 kizaba cyarangiye kikazaba gifite ubushobozi bwo kwakira abantu 1300 bicaye neza.

**Amarushanwa mpuzamahanga azabera mu Rwanda**

Ku nshuro ya mbere u Rwanda ruzakira imikino y'Afurika mu bagore "FIBA Women's Afrobasket 2023" izaba taliki 26 Nyakanga kugeza 06 Kanama 2023.

Perezida wa FERWABA, Mugwiza avuga ko bagiye gushyiramo imbaraga mu kwitegura iri rushanwa banategura ikipe y'igihugu. Iyi ni inshuro ya mbere u Rwanda rugiye kwakira iri rushanwa akaba ari inshuro ya 3 ikipe y'u Rwanda izaba iryitabiriye. Ikipe y'u Rwanda yitabiriye imikino y'Afurika muri 2009 na 2011 isoreza ku mwanya wa 9.

Mu yindi mikino mpuzamahanga, hari BAL 2023 izitabirwa n'ikipe ya REG BBC mu bagabo. Imikino y'amajonjora "BAL Conferences" izabera i Dakar (Senegal) na Cairo (Misiri) muri Werurwe na Mata 2023 naho imikino ya nyuma ibere mu Rwanda kuva taliki 21 kugeza 28 Gicurasi 2023.

Perezida wa FERWABA, Mugwiza avuga ko hashyizweho uburyo abanyamuryango bose bazafatanya mu gufasha ikipe ya REG BBC kugira ngo izitware neza kurenza uko yitwaye ubushize aho yaviriyemo muri ¼ cy'irangiza.

Mu bindi biteganyijwe hari amarushanwa atandukanye azitabirwa n'ikipe y'igihugu mu bakiri bato ndetse no mu bakuru, amahugurwa y'abatoza n'ibindi bitandukanye.



*Perezida wa FERWABA, Mugwiza Desire*

# **Volleyball:** REG VC na APR VC zikomeje kuyobora urutonde rwa shampiyona

Taliki 03 na 04 Ukuboza 2022 habaye imikino y'umunsi wa 5 "Phase 5" muri shampiyona y'icyiciro cya mbere muri Volleyball "Rwanda National Volleyball League 2022-2023" mu bagabo n'abagore.

Ikipe ya REG VC mu bagabo na APR VC mu bagore ni zo zikomeje kuyobora urutonde muri rusange by'agateganyo.

Mu bagabo, imikino y'amajonjora yabereye mu Busanza mu Mudugudu wa "Rwanco" aho ikipe ya REG VC yatsinze KVC amaseti 3-0 (25-14,25-14 na 25-17), Gisagara VC yatsinze IPRC Musanze VC amaseti 3-0 (25-16,25-19 na 25-22), ForeFront VC yatsinze Kirehe VC amaseti 3-0 (25-19, 26-24 na 25-14) naho ikipe ya APR VC itsinda IPRC Ngoma VC amaseti 3-1 (25-20, 25-22, 17-25 na 25-16).

Mu mikino ya ½ cy'irangiza, ikipe ya REG VC yatsinze ForeFront VC amaseti 3-1 (25-22, 23-25, 25-22 na 25-12) naho ikipe ya Gisagara VC itsinda APR VC amaseti 3-1 (25-21, 25-22, -25 na 25-20).

Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe ya APR VC yatsinze ForeFront VC amaseti 3-1 naho ikipe ya REG VC yegukana umwanya wa mbere itsinze Gisagara VC amaseti 3-0 (25-21, 25-22 na 25-18).

Agace ka 5 karangiye ikipe ya REG VC iyoboye n'amanota 8, Gisagara VC (7), APR VC (6), ForeFront VC (5), IPRC Ngoma (4), Kirehe VC (3), IPRC Musanze VC (2) na KVC (1).

Muri rusange, ikipe ya REG VC imaze kwegukana uduce dutatu yikurikiranya ubu iyoboye urutonde n'amanota 37, Gisagara VC iri ku mwanya wa kabiri n'amanota (34), APR VC (29), ForeFront VC (28), IPRC Ngoma VC (20), Kirehe VC (15), IPRC Musanze VC (12) na KVC (05).



**Mu bagore, APR VC yitwaye neza ikomeza kuyobora urutonde**

Mu bagore, imikino y'amajonjora yabereye Kimisagara aho ikipe ya ForeFront VC yatsinze St Bernadette VC amaseti 3-0 (25-5, 25-10 na 25-12), RRA VC yatsinze IPRC Kigali VC amaseti 3-0 (25-19, 25-19 na 25-17) naho ikipe ya Ruhango VC itsinda IPRC Huye VC amaseti 3-0 (25-16, 25-16 na 25-19). Ikipe ya APR VC nta bwo yakinnye imikino y'amajonjora.

Mu mikino ya ½ cy'irangiza, APR VC yatsinze RRA VC amaseti 3-2 (23-25, 25-21, 11-25, 25-17 na 15-10) naho ikipe ya ForeFront VC itsinda Ruhango VC amaseti 3-0 (25-20, 25-15 na 25-13).

Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe ya RRA VC yatsinze Ruhango VC amaseti 3-0 naho mu guhatanira umwanya wa mbere, ikipe ya APRVC itsinda ForeFront VC amaseti 3-1 (25-14, 26-24, 16-25 na 25-22).

Ikipe ya APR VC yasoje iyoboye agace ka 5 n'amanota 7 ikurikirwa na ForeFront VC (6), RRA VC (5), Ruhango VC (4), IPRC Huye VC (3), IPRC Kigali VC (2) na St Bernadette VC (1).

Muri rusange nyuma y'uduce 5, ikipe ya APR VC ni yo iyoboye n'amanota 35, ikurikiwe na ForeFront VC (30), RRA VC (25), Ruhango VC (19), IPRC Huye VC (13), IPRC Kigali VC (9) na St Bernadette VC (5).

Imikino y'umunsi wa 6 "Phase 5" izabera mu Karere ka Ruhango taliki 17 na 18 Ukuboza 2022.



Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave